

“GUTAABAZA YESU MU BYO DUKENEYE BYIHUTIRWA”

Icyumweru cya 12 - Iminsi 100 yo Gusenga

Ku ya 12 Kamena - 18 Kamena 2020

IGIHE CYO KUREKA GUHANGAYIKA AHUBWO UKIZERA

Byateguwe na: Sikhu Daco

Igihe umwana wanjye w'imfura yavukaga, nasomye ikintu cyose nashoboraga guhanga amaso kerekera n'icyo ari cyo cyose gishobora kugenda nabi mu mezi make ya mbere y'ubuzima bwe. Nyuma y'ibyo byose baravugaga bati: “Uwaburiwe mbere yambarira urugamba mbere” sibyo? Igihe cyose yari Umwana muzima, ufite intoki icumi, amano icumi n'ibizamini bamukoresheje akimara kuvuka byari bimeze neza. Ariko ubwo narebaga mu maso he ko ari umwera, nahise ntungurwa no kubona atanyeganyega bitewe n'umubiri we wari utarakomera.

Uko narushagaho gusoma, naje gusobanukirwa neza n'ibitera urupfu rutunguranye ku mwana ukivuka maze ntangira gushakashaka ku murongo wa interineti ku mbuga zitandukanye. Buri ngingo nasomye, buri nkuru y'umuntu waba warabuze umwana we bitewe n'ibitera urupfu rw'umwana ukimara kuvuka (SIDS) byongereye intimba yanjye yo kuba ntarashoboye kurinda umwana wanjye muto. Igihe kimwe nari ndi gusoma ikinyamakuru cyatangaga inama zo kudashyira ikintu na kimwe ku buriri bw'Umwana- kitari ikiringiti cyangwa ikintu cyose gikomoka ku nyamaswa (kubera ko buri kintu cyose gishobora gutera urupfu rw'Umwana ukiri muto). Mu mwanya wakurikiyeho naguye ku buhamya bwatanzwe n'umubyeyi wubahirije inama zose zatanzwe zo gukumira ibintu byose bitera urupfu rw'Umwana ukiri muto, ariko aza kubyuka mu gitondo agiye kureba Umwana we aho aryamye asanga aryamye mu buriri bwe nta buzima bwiza afite..

Byari kugenda bite abaye ari Umwana wanjye? Ni iki nari gukora mu buryo butandukanye n'ubwo kugira ngo umuryango wanjye utazigera uhura n'ikibazo nk'ikii? Gusinzira byari ikibazo kuko nakangukaga buri kanya, kuri buri kintu gitunguranye n'igihe cyose Umwana wanjye ahinduye uburyo yahumekaga. Nk'Umugore wuje urukundo yari yariyandikishije ku nkuru nkoranyambaga aho bari bafite insanganyamatsiko igira iti "Gusangira na mugenzi wawe ni ukumwitaho". Naganiririyeye n'Umugabo wanjye ibyari bimbabaje ku mutima kandi mu ijoro rya mbere nibwo umuhungu wacu yaryamye amasaha arenga atandatu, maze Umugabo wanjye aramukangura kugira ngo arebe ko agihumeka. Mbese urabyumva? Twari twarabaye abanyamibabaro intimba zikiniraho.

Uko natekerezaga cyane ukuntu nta bushobozi mfite bwo kurinda Umwana wanjye indwara zica abana bakivuka ni ko byanyeretse ko nta mbaraga mfite zo kubungabunga umutekano, kurinda no kwita ku mibereho myiza y'Umwana wanjye. Mu by'ukuri, ntabwo nashoboraga kwemeza ko jye ubwanjye nabasha kumwitaho, bigatuma asigara wenyine ari Umwana udafite gifasha.

Kubera ko nari numvise mfite intege nke, narahindukiye ndeba Mama watumye menya Yesu. Mbese yabigenje ate? Ni buryo ki ushobora kongera kuruhuka mu gihe hari ibibazo byinshi mu kurinda Umwana wawe?

Igisubizo cyari cyoroshye ni ukwiringira Yesu.

"Igihe cyose uryamishije umwana wawe, ujye umushyira mu biganza by'Imana itigera ihunikira cyangwa ngo isinzire". Iyo niyo nama yihaye. "Mushyire mu ngobyi y'amasengesho hanyuma umusigeyo."

Guhangayikishwa kwanjye n'indwara zifata abana bakimara kuvuka ntabwo byatumye umuhungu wanjye agira umutekano buri joro, ahubwo byatumaga numva ibintu nabi " ku byerekeranye no gukora ikintu" no ku byerekeranye n'icyo

nasabwaga gukora kuva aho natangiriye gutakaza imbaraga nyinshi kuri byo. Ariko mu by'ukuri, guhangayika kwanjye ntacyo byamufashaga mu guhumeka kwe kwa buri joro.

Yesu arabaza ati: "Ni inde muri mwe wiganyira wabasha kwiyunguraho umukono n'umwe?" (**Matayo 6:27**). Guhangayika kwawe ntibikemura ikibazo, nta n'icyo bibasha guhindura ku bihe urimo. Birahabanye rwose. Ahubwo urararikwa kugira ngo ugire uruhare mu kintu gifite agaciro ku bihe ugezemo bituma udatekerezwa neza, bikagabanya ubushishozi bwawe kandi bigatuma ugira imbaraga nke zo guhangana n'ihungabana – uko ibiguhungabanya byose byaba bimeze.

Mbese uhangayikishijwe n'umutungo wawe? Uhangayikishijwe n'amashuri yawe? Uhangayikishijwe n'abana bawe? Uhangayikishijwe no kuzashyingirwa? Uhangayikishijwe n'ubuzima bwawe? Uhangayikishijwe n'ibiri kuba ku isi muri iki gihe n'igihe kirekire iki cyorezo cya COVID-19 kimaze? Uhangayikishijwe n'ahazaza ndetse n'icyerekezo turi kwerekeramo? Uhangayitse ndetse urushijeho guhangayika cyane? Ntabwo imihangayiko ijya ihagarara!

Dore icyo Ellen White abivugaho:

“Igihe twirundarundiraho ibyo dukwiriye gukora maze tukishingikiriza ku bwenge bwacu bwite n'ubushobozi bwacu, tuba twihaye umutwari tutagetswe n'Imana, tukagerageza kuwikorera tudafashijwe nayo. Tuba twishyizeho inshingano y'Imana, tukaba twishyize mu mwanya wayo rwose. Dushobora guhagarika umutima tukagira ibyago n'imibabaro kuko bitabura kutugeraho. Ariko igihe twiringira rwose yuko Imana idukunda kandi yishimira kutugirira neza, tuzareka kuganyishwa n'iby'igihe kizaza. Tuziringira Imana nk'uko Umwana yiringira umubyeyi umukunda. Nibwo amagorwa yacu n'ibiturushya bizashira kuko ibyo dushaka bizaba bimizwe n'ubushake bw'Imana. (**Abahirwa ni ba nde? P.88-89**)

Muri iyi si yokojwe n'icyaha, dushobora kwizera neza ko tutazabura guhura n'ibihe biruhije. Ubwenge bw'isi buvuga ko inzira nziza yo kwitegura amakuba ayo ari yo yose ari ukwiyigisha uko bishoboka kose – “Uwaburiwe mbere yambarira urugamba mbere”. Ariko kubijyanye no kubona amahoro muri iki gihe cy'umugaru, ubumenyi ntacyo bwakora. Kwitegura urugamba neza mbere y'igihe ni ugukomera mu kwizera. Imana ifite mu biganza byayo uhereye ku tuntu duto cyane utarebesha ijisho kugeza ku binini bigaragarira amaso biri mu isanzure ry'ijuru. Reka dushimire Imana ko ariyo mugenga wa byose.

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Mbese waba uri ku rugamba rwo kwizera muri iki gihe cy'icyorezo? Waba uri ku rugamba rwo kwiga uburyo bwo kwizera mu gihe wahuye n'ibihe cyangwa mu gihe mu mutimanama wawe utari kubona ibisubizo byiza by'ibibazo ufite? Ni kuki utasaba Imana ngo ikongerere ibyiringiro no gushikama mu kwizera amasezerano yayo?

IMBOGAMIZI TUGOMBA KUZIRIKANA

Guhangayika, intimba zo ku mutima ndetse n'ihungabana, ibi ni ibintu bisanzwe mu gihe cyose duhuye n'ibiturushya biruhije tutabasha kugenzura neza. Tekereza ku buzima bwawe no ku muryango wawe. Ni bihe bintu bimwe na bimwe bigutera kubihangayikira? Ni ibihe bintu bigutera ubwoba?

Ngaho fungura Bibiliya yawe hanyuma ushake mu byanditswe byera n'udutekerezo bigusezeranira kubona amahoro n'imbaraga bikomoka ku Mana. Bisome. Reba aho ubyandika. Bifate mu mutwe kandi wizere. Mbese haba hariho ikintu Imana yacu idashobora gukora?

Umunsi wa 78 - KWIBANDA KU MASENGESHO - KU WA GATANDATU, 12 KAMENA 2020

RAPORO ZO GUSHIMA

- Pasiteri H.: Urakoze cyane kubw'amasengesho yawe! Mubyara wanjye n'umugore we bameze neza ubu.
- Umuntu ku giti cye yatanze impano nini yo gufasha ababwiririshabutumwa ibitabo ku isi yose muri iki gihe cy'icyorezo cya covid-19. Ababwiririshabutumwa ibitabo barimo gushakisha uburyo bushya no kugerageza guhanga udushya tw'uburyo bageza ubutumwa bwiza ku bantu bifashishije ibitabo by'iby' Umwuka muri iki gihe cya guma mu rugo.

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusaba kumenya ukuri no kwongererwa kwizera Imana by'umwihariko muri iki gihe cy'icyorezo
2. Gusabira imigisha y'Imana abizera bakora imodoka za Tagisi mu mujyi wa Panama. Bifashisha iki kigo gikora Imodoka mu kubwiriza ubutumwa. Kimwe cya kabiri cy'abaturage ba Panama baba mu mujyi wa Panama.
3. Gusabira amatsinda mato yo kubwiriza ubutumwa yashyizweho mu cyiciro cy'abagore n'abakobwa mu itorerero ry'abadventiste b'umunsi wa kalindwi ryo mu burengerazuba bwa iniyo yo muri Nijeriya.
4. Gusabira abizera ba bugufi n'abakure bo mu muryango wawe. Sabira bamwe muri bo batarakira Yesu nk' umukiza wabo bwite. Basabire kugira ngo bamwiyegurire kandi bihane bahindukire.

Umunsi wa 79 - KWIBANDA KU MASENGESHO - ISABATO, 13 KAMENA 2020

Gukira mu by'umwuka

“Nkiza Uwitaka nzabona gukira, undokore nzarokoka kuko ari wowe shimwe ryanjye.” (Yeremiya 17:14)

“Tkirema cyari gikeneye umutima muzima mbere y’uko cyishimira ubuzima bw’umubiri. Mbere yo gukiza umubiri indwara, Kristo yagombaga kuhagira umutima ngo awumaremo ibyaha. Muri ibi bihe abantu ibihumbi bashengurwa n’indwara z’umubiri. Bakeneye ubu butumwa ngo “ibyaha byawe urabibabariwe” icyaha n’ibyifuzo byacyo bidahunikira kandi ntibicururuke, ni cyo ntandaro y’indwara z’abantu. Amahoro abasha gutangwa n’umuvuzi w’imitima wenyine. Niyo ashobora guhembura umutima no kugarurira umubiri ubuzima buzira umuze. (Renger ubuzima P.32)

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Akenshi rero, dusaba Imana kudukiza indwara z'umubiri, tutazirikana ko ibyo dukeneye cyane ari ugukira mu bya Mwuka. Nibyo koko, indwara z’umubiri rimwe na rimwe zishobora kuba arizo zihutirwa kandi zigasa nk’aho arizo zibabaza umubiri cyane kuruta ibyaha bitababariwe mu buzima bwacu. Ntukibeshye, ntakintu cy’ingenzi kiruta kubabarirwa ibyaha mu bugingo bwacu. “Kandi umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo mu isi, niyakwa ubugingo bwe?”

(Mariko 8:36).

Ni iki cyoroshye kuri wowe, ni ugusaba Imana kugukiza indwara cyangwa se kukwezaho ibyaha byawe mu buryo bwuzuye no kuguha imbaraga zo gutsinda,

cyane cyane ibyaha ukunda gushyira imbere? Waba witeguye kwihanganira indwara z'umubiri ariko ugakomeza mu bya Mwuka gutunganira Imana?

Ni kuki utasaba Imana muri aka kanya ngo ikwereke ko ukeneye ko yagukiza mu bya Mwuka uyu muni?

RAPORO ZO GUSHIMA

- Imana yateguye inzira zo gufasha ibitaro byacu by'abadiventiste kugira ngo babone ibikoresho bikenewe byifashishwa mu gukingira umuntu kugira ngo babashe kuvura abarwayi ba COVID-19.
- Amavuna y'ivugabutumwa atambuka kuri Radiyo y'Abadiventiste ku isi yose amaze gukurura abantu ibihumbi amagana bayikurikira! Imana igera ku bantu benshi binyuze ku murongo wa interineti muri ibi bihe by'icyorezo cya covid-19.

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira abantu ngo bakire mu by'umwuka bihana icyahaa, kwikunda no kwiyemera.
2. Gusabira umugore utazwi umaze imyaka 15 yibasiwe n'abadayimoni.
3. Gusabira umurimo mu kigo gishya cy'Abadiventiste b'umunsi wa kalindwi kigamije kurwanya ibiyobyabwenge giherereye i Orulando muri Folorida ho muri Leta zunze ubumwe za Amerika, gifasha mu kurwanya icyorezo cyo kunywa ibiyobyabwe. Sabira kandi abantu miliyoni nyinshi bifuzwa umudendezo wo kuva mu biyobyabwenge.
4. Gusabira amateraniro y'ivugabutumwa yo mu ijoro rya nyuma ryo kuyasoza kugira ngo abantu benshi baziye gurire Yesu mu buryo busesuye ku murongo kandi bazakomere mu kuri gushya bakiriye.

Umunsi wa 80 - KWIBANDA KU MASENGESHO - KU WA MBERE W'ISABATO 14 KAMENA 2020

Gukira indwara z'umubiri

“Uwiteka azamwiyegamiza ahondobereye ku buriri, ni wowe umubyukiriza uburiri iyo arwaye” **(Zaburi 41: 4)**

“Kristo akiza indwara zose. Abigishwa be bakwiriye gusabira abarwayi nk’uko abigishwa ba kera babigenzaga. Kandi abarwayi bazakira, kuko “Gusenga k’umuntu ufite kwizera gukiza umurwayi.” Isezerano rifite agaciro nk’ako ryahoranye igihe Umwami Yesu yarisezeraniraga abigishwa be ni iri ngo:” Bazarambika ibiganza ku barwayi bakire” Mariko 16:8. Abagaragu ba Kristo ni imiyoboro yifuza gukoresha yerekana imbaraga ye yo gukiza. Ni inshingano yacu kujyana abarwayi ku Mana dufite kwizera. Dukwiriye kubigisha kwizera umuvuzi ukomeye

(Rengera ubuzima P.109)

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Imana ifite ubushobozi bwo gukiza uburwayi ubwo aribwo bwose ikoresheje ijambo rimwwe, Yadusezeranije ko abayizera bwo bazakira. Ibi nibiramuka bibaye muri ubu buzima cyangwa ku iherezo mu gihe cy’umuzuko, bizaterwa n’ubushobozi bwayo ndetse n'ubwenge buzira amakemwa. Duhamagarirwa gusengera abarwayi dufite kwizera Umuvuzi ushoborabyose. Akenshi ntitwiyambaza ubushobozi bwe bwo gukiza ahubwo twirwanaho kugeza igihe tunanirwa guhitamo bumwe mu buryo twabona hano ku isi. Mu gihe ari ngombwa gukora ibishoboka byose kugira ngo twirinde duhanganye n’indwara no kuyivura, tugomba mbere na mbere gusanga Imana tukemera kuyoborwa nayo.

Mbese wizera ko Imana ifite imbaraga zikiza? Wizera ko Imana izi neza igihe cyo gukiza n'igihe kitari icyo gukira? Waba witeguye gushyira ubugingo bwawe mu biganza by'Imana mu gihe ukiriho kugira ngo ukomeze gukiranuka mu bihe by'uburwayi? Mbese uzemera gukiza kwe igihe bisaba gukoresha uburyo bwiza bwo kwitungira amagara mazima?

RAPORO ZO GUSHIMA

Itorerero ry'Abadiventiste ryashoboye gushyiraho abamisiyoneri barenga 10.600 mu gihe cy'iminsi mike. Umusaruro waje kubonekamo ni uko ibyigisho bwa Bibiriya by'itorero ry'abadventiste b'umunsi wa kalindwi byagiye byiyongera kandi biza kugaragara ko byageze ku isonga hakoreshejwe ikoranabuhanga.

- Muri Filipine, uruburuzi rw'ibikorwa rusengeramye mu matsinda y'amasengesho agizwe n'abantu benshi. Ni umurungu w'amasengesho atambuka ku murongo wa interinete. Ububye uburyo n'ibitangaza biri kuba!

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusaba ngo Imana itwongerere kwizera imbaraga zayo zikiza. Saba imbaraga zo gukoresha neza uburyo bwo kwitungira amagara mazima.
2. Gusabira amashuri y'itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa kalindwi ku isi yose kuko afunze bitewe n'icyorezo cya COVID-19. Bakeneye uburyo bushya kugira ngo babashe gukomeza kwigisha no kugira ngo bazakomeze gukora nyuma y'ikiruhuko cyo mu mpeshyi.
3. Gusabira umurimo w'ibwirizabutumwa mu gihugu cya Gabon mu gihe bari gutambutsa ubutumwa bakoresheje imbuga nkoranyambaga kuzageza taliki 26 kamena. Saba ngo Imana izayobore izo gahunda kandi ijamba ryayo rikore ku mitima ya benshi.

4. Gusabira umuryango w' umukobwa D. kugira ngo ubashe gukira mu bya Mwuka no kuvugururwa. Umugabo we afite ikibazo cy'uburwayi bw'ibibyimba byo mu magufwa bishobora kuvamo kanseri kandi afite intege nke mu kwizera. Abana be bataye itorero kandi bafite ikibazo cyo kudakurikiza uburyo Bibiriya yemera bwo kwitungira amagara mazima. Ababyeyi babo nta bushobozi bafite kuko bamugajwe n'uburwayi.
5. Gusabira abaganga, abaforomo, abayobozi bakomeje kwita ku barwayi, no gukangurira abantu gukomeza kwirinda icyorezo cya COVID-19

Umunsi wa 81 - KWIBANDA KU MASENGESHO - KU WA KABIRI W'ISABATO, 15 KAMENA 2020

Mu ntekerezo hazima

“Kandi ntimwishushanye n’ab’iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, aribyo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.”(Abaroma 12: 2)

“Imbaraga z'umubiri ndetse n'iz'ubwenge hamwe n'urukundo, bigomba gutozwa ku buryo bishobora kugera ku rwego rw'imikorere myiza.”

(Counsels on Health, p. 445)

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Imitekerereze mizima izaturuka ahanini ku byo uzakomeza guhozaho intekerezo zawe, imirire yawe, imyitozo ngorora mubiri n'umushyikirano mwiza ugirana n'abandi.

Hari icyo ubushakashatsi bwa siyanse bwagaragaje hagati y' ibyo turya n'uburyo imirire yacu igira ingaruka zikomeye mu mitekerereze yacu. Indyo ishingiyeye ku bimera, imbuto nyinshi n'imboga zifite amababi bishobora kugira ingaruka nziza ku buzima bw'ubwonko bwacu. Na none, ibyo duhitamo mu kurya, ibyo turebesha amaso, ibyo twumva n'ibyo duhozaho intekerezo zacu kandi tukavuga, bigira ingaruka cyane mu mitekerereze yacu.

Mbese urumva wahitamo kujya utekereza ku by'ijuru, ku nsanganyamatsiko yo gutsindishirizwa kubwo kwizera no kugira imibereho yejeje? Mbese ukoresha ubwonko bwawe mu bikorwa byibanda ku Ijambo ry'Imana n'ubushake bwayo? Indyo yawe iteye ite? Haba hari icyumba wateganiye cyo kwitunganyirizamo kugira ngo ugire intekerezo nzima, ukaba witeguye kugira uruhare mu bikorwa by'iby'Umwuka? Ni ryari uheruka kugirana ibiganiro byimbitse kandi bifite ireme n'umuntu? Ni kuki utasaba Imana kukuyobora mu rwego rwo kugira imitekerereze myiza guhera uyu munsi?

RAPORO ZO GUSHIMIRA

- Ahantu henshi amabwiriza ya guma mu rugo yavanyweho kandi abantu bashoboye kwongera gusubira ku kazi. Umubare mushya w'abanduye COVID-19 waragabanutse mu bihugu byinshi ku isi yose.
- Elden Ramirez (Soma: Elideni Ramirezi), Perezida wa Konferansi ya Montana yaravuze ati: Mu kwezi kwa Werurwe ntabwo icya cumi gitangwa kikiri uko cyatangwaga mbere. Twashyize imbere y'Imana iki kibazo binyuze mu masengesho maze bituma twakira impano enye zatumye tuziba icyuho! Buri muntu wese yari yiteze ko muri Mata naho tuzazana bike. Ariko nyamara muri Mata 2020 nibwo twazanye icya cumi cyinshi kingana n'icyatanzwe mu myaka 10 ishize! Imana itegura ibituma umurimo wayo ukomeza!

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusaba kugira imitekerereze myiza n'ubushobozi bwo guhitamo kugumana ibitekerezo byejeje.
2. Gusabira umurimo w'itorero muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo. Umutekano muke uterwa n'imitwe y'inyeshyamba n' ihindagurika ry'imikorere ya Politike muri rusange bigira ingaruka mbi ku murimo w'itorero. Saba Imana ngo ikureho umwijima n'ikibi maze izane ububyutse bufite imbaraga ku bantu bo muri kano karere kugira ngo bagire imibereho yubaha Imana.
3. Gusabira ikigo kibwiriza ubutumwa cyo mu mujyi wo hagati muri Batambage muri Kambodiya gikora imirimo itandukanye nka: siporo, resitora y'ibikomoka ku bimera, ikibuga cy'imikino, aho gusengera, iby'ubuzima, inyigisho z'umuziki n'ishuri ry'indimi. Saba Imana ngo ibahe umugisha muri ibi bintu bitandukanye bakora kandi usabe kugira ngo umurimo ukomeze gukura no kuzana abantu ku Mana.
4. Gusabira ababatijwe bashya ku isi yose beguriye Yesu ubuzima bwabo muri iki gihe cy'icyorezo cya covid-19 cyayogoje isi yose.

Umunsi wa 82 - KWIBANDA KU MASENGESHO - KU WA GATATU W'ISABATO 16 KAMENA 2020

Kwirinda

“Ndavuga nti:”Muyoborwe n’Umwuka.” Kuko ari bwo mutazakora ibyo kamere irarikira.”

(Abagalatiya 5:16)

“Niba gushimisha irari byari bikomereye cyane mwene muntu ku buryo kugira ngo rineshwe byarasabye Umwana w’Imana wavuye mu ijuru kwigomwa kurya mu gihe hafi cy’ibyumweru bitandatu ku bw’umuntu, mbega ukuntu umukristo agomba kubishyiraho umwete! Nyamara kandi nubwo intambara yaba ikomeye ite abasha gutsinda. Kubwo gufashwa n’iyo mbaraga mvajuru yihanganiye ibigeragezo birenze Satani yashoboye gukoresha. Kubwa Yesu, umuntu nawe ashobora gutsinda mu rugamba arwana n’ikibi maze ku iherezo akazambara ikamba ryo gutsinda mu bwami bw’Imana” (**Inama ku mirire n’ibyo kurya P.174**)

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Icyaha gihungabanya ubuzima bwacu mu nzego zose. Icyaha gituma ubuzima bwacu buta umurongo bugenderaho kandi kikayobora abantu bakagera kure cyane y’ukuri. Mu rwego rw’imirire n’imikoreshereze y’ibyo turya bivamo ibibazo bitandukanye by’ubuzima bituzanira ingaruka mbi; kuri twe ndetse no ku bandi.

Mu mushyikirano wacu na Mwuka wera niho honyine dushobora kuvana imbaraga n’ubushobozi bwo kwirinda muri byose.

Mbese ntiwahitamo uyu muni gusaba Imana ngo igushoboze kwirinda mu mirire yawe, mu gukoresha neza igihe cyawe, gukoresha neza inkuru nkoranya mbaga hamwe n’ubuzima bwawe muri rusange? Mbese ntiwakwemera gukomerera mu buntu bwe kandi ukizera ubushobozi bwe bwo kuguha intsinzi akaba ariwe wishingikirizaho gusa?

RAPORO ZO GUSHIMIRA

- Jay W. (Soma: Jeyi W.) yaravuze ati: “Nasenze cyane nsaba Imana kumpa amahirwe yo kugirana umushyikirano usesuye n’abaturanyi banjye muri iki gihe cy’ icyorezo cya covid-19 kuko ntabazi rwose. Imana yasubije amasengesho yanjye

kandi nashoboye gushyikirana nabo. Nzi ko Imana ibafitiye gahunda mu gakiza kabo.”

• Mu ntangiriro za Mata Radiyo y’itorero ry’Abadiventiste b’umunsi wakalindwi ku isi yose ku bufatanye na iniyo ya Moludaviya bakoze amateraniro y’ivugabutumwa bakoresheje imbuga nkoranyambaga. Abapasitori 28 bayoboye intara z’aho muri Moludaviya batangiye kuyatambutsa kuri izo mbuga nkoranyambaga. Ubu hari umusaruro w’ amazina arenga 25.500 by’abantu bayakurikirana kandi abantu barenga 40 bafashe icyemezo cyo kujya mu ishuri ritegura abazabatizwa!

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusaba Mwuka Wera ngo akubashishe kwirinda muri byose cyane cyane kubijyanye no kurya, inkuru nkoranya mbaga no gusinzira
2. Gusabira itorero ryo mu majyaruguru ya Uganda. Ubutumwa bw’Abadiventiste b’umunsi wa kalindwi butangwa hakoreshejwe radiyo. Andi madini ntabyishimira abona ko ari nk’igitero. Senga kugira ngo Imana ibakuremo umutima ukomeye ibashyiremo uworoshye kandi benshi ibahe kumenya ukuri!
3. Gusabira abakora umurimo wo gufasha abatagira aho baba i St. Louis muri Leta zunze ubumwe za Amerika. Sabira abantu bose bakora uyu murimo kugira ngo buzure Umwuka wagaragariraga muri Yesu mu gihe bafasha abatagira aho baba.
4. Gusaba Imana ngo idutsindire icyorezo cya COVID-19 kirangire
5. Gusaba Imana gukomeza gufasha abizera ngo bakomeze kuba abahamya mu byo bizera muri iki gihe dutegereje kuzasubira gusengera mu nsengeru.

**Umunsi wa 83 - KWIBANDA KU MASENGESHO - KU WA
KANE W'ISABATO, 17 KAMENA 2020**

Akamaro k'ibyaremwe

“Uwiteka Imana ijyana wa muntu, imushyira muri iyo ngobyi yo muri Edeni, ngo ahingire ibirimo ayirinde.” **(Itangiriro 2:15)**

“Kristo yakundaga gukoraniriza abantu hanze iyo ikirere cyabaga ari cyiza. Kubera ko yabaga akikijwe n'ibyo yaremye, imirimo y'intoze ze yavuvunuraga ibitekerezo by'abantu ku bihimbano by'amanjwe, akabyerekeza ku mahame rusange. Bigiraga ku byaremwe ibyigisho by'ukuri kw'Imana. Mu minsi izaza abantu bazongera kwigira ku byaremwe inyigisho z'umwigisha zavuye ku Mana

(Renger ubuzima P.20)

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Muri iki gihe, umubare munini w'abatuye ku isi batuye mu mijyi mini n'imito. Uzengurutswe n'ibikorwa byakozwe n'abantu, ibintu by'ubugeni, guhumeka umwuka wanduyemo guterwa n' urusaku ruhoraho. Biragoye kugira umwanya utuje, kubona igihe cyo gutekereza ku Mana no kwishimira ibikorwa byayo karemano bitangaje yakoze. Nyamara gufata umwanya uhagije wo kujya kureba ibyaremwe biruhura umubiri no mu ntekerezo!

Mbese umara igihe ki kingana wibereye mu bintu byakozwe n'abantu cyangwa wibereye ku nkuru nkoranyambaga? Ni kangaha ufata umwanya wo kunezewa n'ibyaremwe Imana yaremye? Ni kuki muri aka kanya utashyiraho ibihe bidahindagurika byo kujya mu byaremwe kugira ngo ugirane umubano n'Imana no kuyigiraho amasomo y'iby'umwuka?

RAPORO ZO KWISHIMIRA

- Stephen A. (Soma: Setefano A) Yaravuze ati: Ndashimira Imana iyi minsi 100 yo gusenga. Gahunda yo gusenga Imana buri muni yampaye amahirwe yo gusengera hamwe n’umuhungu wanjye w’imyaka 9.
- Anonymous (Soma: Anonimasi) Yaravuze ati: Iminsi 100 y’amasengesho yatumye mbasha kubana n’Imana bya bugufi. Narushijeho gukiranukira Imana mbana nayo. Mpanganye n’ibibazo bitandukanye ariko ndabona ko kubitsinda bishoboka muri Yesu. Imana ishimwe!

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusaba Imana ngo ifungure amaso yacu kugira ngo tubone amasomo y’ibya Mwuka aboneka mu byaremwe. Saba Imana ngo ikwereke uburyo bwo kumarana nayo igihe kirekire uri mu byaremwe.
2. Gusabira abamisiyoneri, abigisha ba Bibiriya n’abakora umurimo mu cyiciro cy’ubutumwa bukuye iruhande bakorera hirya no hino ku isi mu turere turuhije kubwirizamo ubutumwa.
3. Gusabira amatorero adafite iterambere hakaba hashize igihe kinini. Basabire kugira ngo babone ububyutse mu murimo.
4. Gusabira ubuyobozi bw’inteko rusange mu gihe bashakisha uburyo bwo gushyigikira amatorero y’ahazahajwe cyane n’icyorezo cya COVID-19

Umunsi wa 84 - KWIBANDA KU MASENGESHO - KU WA GATANU W'ISABATO, 18 KAMENA 2020

Amahame agenga ubuzima

“Mbese ntimuzi yuko imibiri yanyu ari insengero z’Umwuka wera uri muri mwe, uwo mufite wavuye ku Mana? Kandi ntimuri abanyu ngo mwigenge, kuko mwaguzwe igiciro. Nuko rero mutume imibiri yanyu ihimbaza Imana. ”

(1 Abakorinto 6: 19, 20)

“Nta bumenyi ufite ku mahame agenga ubuzima, nta n’umwe ukwiye guhabwa inshingano z’ubuzima.”(Ministry of Healing. P.271)

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Imana inezezwa cyane no kubona muri rusange tumeze neza. Ntabwo yifuza ko tuyisaba gusa mu gihe duhuye n’ibibazo by’ubuzima, ahubwo ifite ubushake bwo kudufasha kwiga uburyo bwo kwirinda ibibazo abenshi duhuriyeho muri iki gihe no guha imbaraga ubudahangarwa bw’umubiri. Iyi niyo mpamvu yaduhaye amahame ataruhije atugenga muri iki gihe no mu gihe kizaza. Ayo mahame ni aya akurikira: Imirire myiza, imyitoto ngororangingo ihoraho, amazi meza, urumuri rw’izuba, kwirinda, umwuka mwiza uhagije, kuruhuka neza no kwiringira Imana.

Ushobora kuba usanzwe umenyereye aya mahame ariko se uyashyira mu bikorwa? Mbese ni kuki utafata aya mahame agenga ubuzima Imana yaduhaye, ufashijwe na Mwuka wera kugira ngo agufashe kuyashyira mu bikorwa?

RAPORO ZO GUSHIMA

- Bernard O. (Berinari O) yaravuze ati: Turashima Imana.Yaduhaye imbaraga zo gukora amavuna y'ivugabutumwa i Kitale muri Kenya muri iki gihe cy'icyorezo cya covid-19.Twashoboye kuyakorera mu muji wose. Hatanzwe Bibiliya nyinshi!
- Anonymous (Soma: Anonimasi) yaravuze ati: Ndashaka gusingiza Imana yacu! Muri iki gihe cya guma mu rugo nashoboye gukurikirana inyigisho zitandukanye z'Abadiventiste b'umunsi wa kalindwi baturutse hirya no hino ku isi hifashishijwe umurongo wa interineti.Ubuhamya bumwe bwankoze ku mutima.Bwatanzwe n'umugabo waryamanaga n'abo bahuje igitsina ariko Imana iza gutuma yihana. Nari maze igihe kinini ndwana n'ibyaha nakoreraga mu ibanga hashize igihe kirekire.Ariko nyuma y'aho numviye ubu buhamya nasanze nta kintu na kimwe kidashobokera Imana. Narasenze, ndasenga kandi Imana yambashishije gutsinda! Haleluya!

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira abantu n'imiryango bakomokamo ngo bagire ubushake n'ubushobozi bwo gushyira mu bikorwa amahame y'Imana agenga ubuzima hashingiwe ku byaremwe.
2. Gusabira inzu y'abadiventiste b'umunsi wakalindwi itegura amafunguro ikorerera i Kingisitoni muri Jamayika.Bategura sanduvice zikundwa cyane n'abarya ibikomoka ku bimera.Bagira n'ibitabo bya gikristo ndetse n'aho bakirira abana. Saba Imana ngo ijye ibazanira abakiriya bezano kujya babakira urukundo rukomoka ku Mana.
3. Gusaba Imana ngo ifashe abadiventiste bose bashishikarire gusoma inyandiko z'ubuhanuzi za Ellen G. White.

4. Gusabira ikigo cyita ku miryango ifite abana bafite uburwayi bwo kwigunga b' i Poruto Alegere muri Burezile. Gikorwamo n' abakorerabushake bitangiye kugira ngo haboneke umwuka w'ubusabane. Saba Imana ngo ibarinde, na Mwuka wera akorere mu bakorerabushake kugira ngo bafashe abaturage baho icyo kigo giherereye.